# Nta muntu n'umwe utunze Zahabu cyangwa se Feza akaba atazitangira ukuri kwazo, usibye ko ku munsi w'imperuka zizahindurwamo ibizabatwikishwa byo mu muriro,

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Nta muntu n'umwe utunze Zahabu cyangwa se Feza akaba atazitangira ukuri kwazo, usibye ko ku munsi w'imperuka zizahindurwamo ibizabatwikishwa byo mu muriro, maze babitwikishwe mu mbavu zabo n'imisaya yabo, na buri uko bizajya birangira, bazajya bongera babimutwikishe, ku munsi umwe bazaba bakorerwa ibyo uzaba ungana n'imyaka ibihumbi mirongo itanu, kugeza ubwo abagaragu bose bamaze gucibwa imanza, maze ari bwo abona aho yerekeza niba ari mu ijuru cyangwa se mu muriro." Nuko babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Yewe Ntumwa y'Imana! None uzaba atunze ingamiya ntazitangire ukuri kwazo? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabasubiza iti: N'utunze ingamiya adatangira ukuri kwazo , kandi mu kuri kwazo harimo kuzikama umunsi ziba zashotse, ku munsi w'imperuka zizaza zishishe ndetse ari na nyinshi kuruta izo yari afite ku isi, nta n'imwe iburamo, maze zimuribate n'ibinono byazo, zinamurume n'amenyo yazo; buri uko iya mbere izaba imaze kumutambukaho, bazajya bayigarura kugeza ku ya nyuma, umunsi umwe bazaba bakorerwa ibyo uzaba ungana n'imyaka ibihumbi mirongo itanu, kugeza ubwo abagaragu bose bamaze gucibwa imanza, maze ari bwo abona aho yerekeza niba ari mu ijuru cyangwa se mu muriro." Barongera babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: None uzaba utunze inka n'ihene, nawe ni uko bizamugendekera? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irabasubiza iti: Nuzaba atunze inka n'ihene akaba adatanga ukuri kwazo, ku munsi w'imperuka zizaza zishishe ndetse ari na nyinshi kuruta izo yari afite ku isi nta n'imwe iburamo, maze zimuribate n'ibinono byazo, zinamurume n'amenyo yazo; buri uko iya mbere izaba imaze kumutambukaho, bazajya bayigarura kugeza ku ya nyuma, umunsi umwe bazaba bakorerwa ibyo uzaba ungana n'imyaka ibihumbi mirongo itanu, kugeza ubwo abagaragu bose bamaze gucibwa imanza, maze ari bwo abona aho yerekeza niba ari mu ijuru cyangwa se mu muriro." Barongera babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Yewe Ntumwa y'Imana! None uzaba atunze amafarasi (nta yatangire ukuri kwayo we bizamugendera gute)? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Ifarasi zirimo amoko atatu: Hari iziba umutwaro ku muntu, hari ihishira umuntu, hari n'ituma umuntu abona ibihembo. Naho iba umutwaro ku muntu ni ya yindi nyirayo yoroye agamije ubwibone n'ubwirasi ndetse no kugirira urwango abayisilamu, izamubera umuzigo kuri we. Naho ihishira nyirayo, ni

yayindi nyirayo yoroye agamije kuzayifashisha mu guharanira inzira ya Allah, kandi akanazirikana umugabane wa Allah kuri yo, iyo izamuhishira. Naho ya yindi nyirayo abonera ibihembo, ni ya yindi yoroye mu nzira ya Allah no kubera abayisilamu, ndetse akajya anayikoresha imyitozo, akanayitaho, ibyo iriyeho byose arabihemberwa bingana n'ibyo yariye, kandi akabyandikirwamo ibihembo. Na buri mase cyangwa se amaganga itaye hasi yandikirwa ibyiza, kandi n'iyo ayikuriyeho ibisitaza n'ibiyibuza kugenda yandikirwa ibyiza bingana n'ibyo yaciye. Kandi n'iyo nyirayo ayinyujije ku mugezi ikabanza kunywaho, atari agamije kuyishora, yandikirwa ibyiza bingana n'ibyo yanyoye.
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje amoko y'imitungo atangirwa Zakat, ndetse n'ibihano byo ku munsi w'imperuka ku muntu utarayitangiye Zakat; amwe muri yo: Ubwa mbere: Zahabu na Feza n'ibindi nkabyo mu mitungo n'ibicuruzwa; byagizwe itegeko gutangirwa amaturo ariko ntatangwe. Ku munsi w'imperuka, iyo mitungo izashongeshwa igirwe nk'amabati, bayatwikire mu muriro wa Djahanamu, maze nyir'iyo mitungo bayimutwikishe imbavu n'imisaya n'umugongo we. Na buri uko bizajya bihora, bazajya bongera babishyushye, akomeze kuba mu bihano atyo, ku munsi w'imperuka uzaba ungana n'imyaka ibihumbi mirongo itanu, kugeza ubwo Allah aciye imanza hagati y'abantu, maze yisange ajya mu ijuru cyangwa se mu muriro. Ubwa kabiri: Ni umutunzi w'ingamiya utazitangira ukuri kwazo ntanatange amaturo yazo, harimo nko kuzikamira abakene baje bamugana akabaha ku mata; ku munsi w'imperuka zizaza zibyibushye kandi ari na nyinshi mu mubare, maze aryamishwe hasi, maze bazizane zimuribate n'ibinono byazo, ndetse zinamurumishe amenyo yazo. Buri uko iya nyuma izajya iba imaze kumutambukaho, bazajya bagarura iya mbere yongere imuribate, bikomeze gutyo abe mu bihano ku munsi uzaba ungana n'imyaka ibihumbi mirongo itanu, kugeza ubwo Allah aciriye abantu imanza, akisanga ari mu ijuru cyangwa se mu muriro. Ubwa gatatu: Umutunzi w'inka n'ihene n'intama adatangira amaturo (Zakat), ku munsi w'imperuka zizaza ziruta izo yari atunze nta n'imwe iburamo, maze aryamishwe hasi, maze bazizane zimuribate zinamunyukanyuke n'ibinono byazo, zinamwicishe amahembe yazo, zaba izikiyafite yombi, cyangwa se izifite ihembe rimwe. Buri uko iya nyuma izajya iba imaze kumutambukaho, bazajya bagarura iya mbere yongere imuribate. Bikomeze gutyo abe mu bihano ku munsi uzaba ungana n'imyaka ibihumbi mirongo itanu, kugeza ubwo Allah aciriye abantu imanza, akisanga ari mu ijuru cyangwa se mu muriro. Ubwa kane: Ni umutunzi w'amafarasi, amafarasi nayo arimo amoko atatu: Ubwa mbere: Hari iziba umutwaro ku muntu uyoroye agamije ubwibone n'ubwirasi ndetse no kugirira urwango abayisilamu, izamubera umuzigo kuri we. Ubwa kabiri: Ya yindi ihishira nyirayo, ni ya yindi nyirayo yoroye agamije kuzayifashisha mu guharanira inzira ya Allah, kandi akanazirikana umugabane wa Allah kuri yo, iyo izamuhishira. Ubwa gatatu: Ya yindi nyirayo abonera ibihembo, ni ya yindi yoroye mu nzira ya Allah no kubera abayisilamu, ndetse akajya anayikoresha imyitozo, akanayitaho, ibyo iriyeho byose arabihemberwa bingana n'ibyo yariye, kandi akabyandikirwamo ibihembo. Na buri mase cyangwa se amaganga itaye hasi yandikirwa ibyiza, kandi n'iyo ayikuriyeho ibisitaza n'ibiyibuza kugenda yandikirwa ibyiza bingana n'ibyo yaciye. Kandi n'iyo nyirayo ayinyujije ku mugezi ikabanza kunywaho, atari agamije kuyishora, yandikirwa ibyiza bingana n'ibyo yanyoye. Barangije babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku ndogobe niba ari kimwe n'ifarasi? Nuko irabasubiza iti: Nta tegeko nigeze mpishurirwa ku byerekeranye n'indogobe, usibye uyu murongo ukusanyirije hamwe ibintu byinshi ugira uti: "Uzaba yarakoze icyiza

gifite uburemere bungana n’akantu gato cyane kurusha ibindi, azakibona (agihemberwe), n’uzaba yarakoze ikibi gifite uburemere bungana n’akantu gato cyane kurusha ibindi, azakibona (agihanirwe)" Surat A-Zil'zalat: 7-8. Bityo utunze indogobe agamije kumvira Allah abibonera ibihembo, n'uyitunze agamije kuyikoresha mu byaha abibonera ibihano; ibi bikaba ari rusange ku bikorwa byose.

https://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/6611